**ICYEMEZO N° 007/2021/TB/BWS-JDD CYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IBANZE RWA BWISHYURA GITEGEKA NYIRANSABIMANA ELIANE KWITABA URUKIKO.**

Umunsi wa cumi, ukwezi kwa Nzeri, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri ;

Twebwe RIZIKI Madeleine, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa BWISHYURA, dufashijwe na MPORWIKI Jean Marie Vianney, Umwanditsi Mukuru w'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko kuwa 22/12/2020, Ubushinjacyaha bwareze NYIRANSABIMANA Eliane mwene GACUA Enias na KARWOGA Julienne utuye mu Mudugudu wa Mubuga, Akagari ka Ryaruhanga, Umurenge wa Mubuga, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba, ukora - Tel +250789300882 P.O.B - e-mail - wunganirwa na - Tel P.O.B - e-mail -, icyaha gufata nabi amatungo yororerwa murugo;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ry'urwo rubanza ryo kuwa 09/09/2021, NYIRANSABIMANA Eliane atitabye ariko ku ihamagara handitseho ko umuyobozi w'umudugudu uregwa atuyemo yemeje ko atakihaba ndetse batazi aho aherereye; maze urukiko rukemeza ko iburanisha ryimurirwa tariki ya 11/11/2021 saa mbiri za mugitondo kugira ngo ahamagazwe ahatazwi;

**Dushingiye** ku ngingo ya 46 y'Itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ivuga ko **«Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregewe mu kibanza cyarwo n'aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera, mu gihe cy'amezi abiri (2). Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akanasabwa kugaragaza umurongo wa interineti azajya amenyesherezwaho ibijyanye n'urubanza rwe. Icyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza, ku rubuga rw'imanza zirangizwa, ndetse no mu kindi kinyamakuru cyagenwe na Perezida w'Urukiko. Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radio, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda. Icyakora, rishobora no gukorwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi iyo bibaye ngombwa».**

**Dutegetse** ko NYIRANSABIMANA Eliane wavugiwe umwirondoro haruguru ahamagazwa ahatazwi mu burryo bw'imenyesharuhame akazitaba urukiko kuwa 11/11/2021 i saa mbiri za mugitondo kandi iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'urwego rw'ubucamanza.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

| | |
|---|---|
| Se | Se |
| RIZIKI Madeleine | MPORWIKI Jean Marie Vianney |
| PEREZIDA | UMWANDITSI MUKURU W'URUKIKO |

Copie certifiée conforme à la minute
Le greffier en chef TB Bwishyura
10/09/2021
Mporwiki Jmvianney

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO: TB BWISHYURA
P.O.B: ..................................................
TEL.: ..................................................
E-mail: ..................................................

INYANDIKO Y'UMWANDITSI IHAMAGARA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI

Umwaka wa 2021, umunsi wa 10 w'ukwezi kwa Nzeri

Bisabwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na SEMUHUNGU Paul

Twebwe MPORWIKI Jean Marie Vianney umwanditsi w'UrukikoTB BWISHYURA

Nshingiye ku ngingo 98, 102 n'iya 103 z'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Menyesheje NYIRANSABIMANA Eliane mwene GACUA Enias na KARWOGA Julienne utuye mu Mudugudu wa Mubuga, Akagari ka Ryaruhanga, Umurenge wa Mubuga, Akarere ka Karongi, Intara ya Intara y'iburengerazuba , ukora ................................. Tel +250789300882 P.O.B - e-mail -. uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - uburanirwa/wunganirwa na - Tel - P.O.B - e-mail - ariko ubu utazwi aho atuye, ko agomba kwitaba UrukikoTB BWISHYURA, 2021-11-11 kuwa saa 08:00 aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha;

Kugira ngo yiregure ku kirego yarezwegifite n° RP 00573/2020/TB/BWS cyatanzwe na UBUSHINJACYAHA utuye mu Mudugudu wa - Akagari ka - Umurenge wa - Akarere ka - Intara ya - TEL +250725485996 P.O.B - e-mail ried.prosecution@rra.gov.rw uburanirwa/wunganirwa na -

Ikiburanwa: Gufata nabi amatungo yororerwa murugo

« Kubera ko uhamagawe mu rukiko adafite aho atuye cyangwa aho aba hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, TB BWISHYURA manitse kopi y'iri hamagara ........................ (ahagenwe n'urukiko) kandi inyandiko yayo mu magambo ahinnye nyimanitse ku miryango y'Iinkiko Zisumbuye mu gihe cy'amezi abiri ».

Iri hamagara rizamara amezi abiri nk'uko biteganywa n'ingingo ya 103 y'Itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 09/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

UHAMAGAWE
NYIRANSABIMANA Eliane

UMWANDITSI
MPORWIKI Jean Marie Vianney